**IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYAMAGABE YATERANYE KU WA 01 UKUBOZA 2013.**

Ku Cyumweru tariki ya 01 Ukuboza 2013 mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Nyamagabe " Hope House" hateraniye Inama Njyanama y'Akarere mu nama yayo isanzwe. Inama yayobowe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama Bwana ZINARIZIMA Diogène . Umuyobozi w'Inama Njyanama amaze gusuzuma ko umubare wa ngombwa ugenwa n'itegeko (nibura 2/3 by'abagize Inama Njyanama y'Akarere) wuzuye; yatangije inama aranayiyobora. Inama yitabiriwe n'Abajyanama 24 kuri 31 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe.

Iyo nama yitabiriwe kandi n'umwe mu bagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda: Depite NYANDWI Joséph Désiré hamwe na "Consultant" wa RLDSF wakoze ubushakashatsi kuri "potentialities" z'Akarere ka Nyamagabe"

Iyo nama yanatumiwemo kandi yitabirwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, abakuru b'imirimo ku Karere, abakozi bamwe na bamwe b'Akarere hamwe n'abakozi bashinzwe irangamimerere mu Mirenge igize Akarere ka Nyamagabe baje bahagarariye Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge bari mu butumwa bw'akazi.

Umuyobozi w'Inama yibukije abitabiriye inama ingingo ziteganyijwe kwigwaho ari zo zikurikira:

1. Kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa 25 Kanama 2013.

2. Kungurana ibitekerezo no kwemeza "potentialities" z'Akarere ka Nyamagabe.

3. Gusuzuma raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere ka Nyamagabe mu gihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2013-2014.

4. Kungurana ibitekerezo kuri raporo ya Audit Committee y'Akarere yo ku wa 24/08/2013.

5. Kungurana ibitekerezo ku madosiye ya bamwe mu bakozi b'Akarere ka Nyamagabe.

6. Gusuzuma raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza ku bibazo by'abakozi batatu bandikiye Inama Njyanama basaba kurenganurwa kuko batishimiye amanota bahawe mu isuzumabushobozi ryakorewe abakozi b'Akarere ka Nyamagabe mu mpera z'umwaka wa 2012-2013.

7. Kungurana ibitekerezo kuri raporo ya komisiyo y'ubutaka ku byerekeranye n'amasambu y'abaturage yateweho amashyamba na Leta kandi bakaba bifuza kuyasubizwa.

8. Kungurana ibitekerezo ku ngamba zo kurwanya ruswa mu Karere ka Nyamagabe.

9. Ibindi

Mu bindi, hemejwe ko Inama Njyanama yiga ku birebana n'ikiruhuko cyasabwe n'Umuyobozi w'Akarere ndetse ikiga no ku cyasabwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Imari, Ubukungu n'Iterambere mu Karere ka Nyamagabe.

## I. KWEMEZA INYANDIKOMVUGO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA YATERANYE KU WA 25 KANAMA 2013.

Inyandikomvugo y' inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye tariki ya 25 Kanama 2013 imaze gusomwa mu ruhame no gukorerwa ubugorarangingo yemejwe ku bwumvikane busesuye n'abagize Inama Njyanama y'Akarere.

## II. KUNGURANA IBITEKEREZO NO KWEMEZA "POTENTIALITÉS" Z'AKARERE KA NYAMAGABE.

Kuri iyi ngingo, abagize Komite Nyobozi y'Akarere ka Nyamagabe bafatanyije na "Consultant" bagejeje ku bagize Inama Njyanama y'Akarere incamake ya raporo yakozwe kuri "potentialities" ziri mu Karere ka Nyamagabe. Abajyanama bamaze kungurana ibitekerezo kuri iyo raporo bemeje ku bwumvikane busesuye potentialities zikurikira:

-Kuba hakiboneka ubutaka bushobora kuba bwahingwamo ibihingwa ngengabukungu nka kawa n'icyayi,

-Kuba hakiboneka ibishanga bishobora guhingwamo ibihingwa bitandukanye,

-Kuba haboneka ahantu henshi hashobora gukorerwa ubworozi bw'ingurube,

-Kuba haboneka ahantu hashobora gukorerwa ubworozi bw'inzuki,

-Kuba haboneka imigezi ku buryo ku kuhira imyaka imusozi byashoboka,

-Kuba haboneka amazi ashobora kubyazwa ingufu z'amashanyarazi,

-Kuba haboneka amabuye y'agaciro amwe n'amwe ndetse na kariyeri,

-Kuba haboneka ibyiza nyaburanga ku buryo byakurura bamukerarugendo,

-Kuba gahunda yo gutuza abantu irushaho kugenda inoga,

-Kuba hakiboneka amashyamba menshi ashobora kubyazwa umusaruro mu buryo butandukanye,

Mu kwanzura kuri iyi ngingo, Abajyanama bemeje ku bwumvikane busesuye ko Komite Nyobozi ishingiye ku cyerekezo turimo no kubyihutirwa kurusha ibindi izareba uko izi potentialities zizabyazwa umusaruro mu gihe cya vuba.

## III. GUSUZUMA RAPORO Y'IMIKORESHEREZE Y'INGENGO Y'IMARI Y'AKARERE KA NYAMAGABE MU GIHEMBWE CYA MBERE CY'UMWAKA WA 2013-2014.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yagejeje ku bitabiriye Inama Njyanama imikoreshereze y'ingengo y'imari mu gihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2013-2014 mu buryo bukurikira:

Ku ngengo y'imari yose yemejwe n'Inama Njyanama ingana na Miliyali icumi na Miliyoni magana inani n'eshanu n'ibihumbi magana icyenda mirongo icyenda n'umunani n'ijana na mirongo itatu n'icyenda (10,805,998,139 rwf) harakoreshejwe amafaranga angana na Miliyali imwe na miliyoni magana arindwi na makumyabiri n'umunani n'ibihumbi ijana na mirongo icyenda na kimwe na magana ane na makumyabiri n'atatu (1,728,191,423 rwf) bingana na 15.99%. Ku ngengo y'imari isanzwe yemejwe n'Inama Njyanama ingana na miliyari zirindwi na miliyoni magana ane na mirongo irindwi n'umunani n'ibihumbi magana atandatu na mirongo itanu n'umunani na magana atandatu na mirongo itandatu (7.478.658.660 rwf) hari hamaze gukoreshwa amafaranga angana na miliyari imwe na miliyoni magana atanu na mirongo itanu n'umunani n'ibihumbi magana ane na cumi na birindwi na magana ane na makumyabiri n'arindwi (1.558.417.427 rwf) bingana na 20.84% . Ku ngengo y'imari y'amajyambere yemejwe n'Inama Njyanama ingana na miliyari eshatu na miliyoni magana atatu na makumyabiri na zirindwi n'Ibihumbi magana atatu na mirongo itatu n'icyenda na magana ane na mirongo irindwi n'icyenda (3.327.339.479 rwf) hari hamaze gukoreshwa angana na miliyoni ijana na mirongo itandatu n'icyenda n'ibihumbi magana atandatu na mirongo icyenda na bitanu na magana arindwi na mirongo irindwi na rimwe (169,695,771 rwf) bingana na 5.10%.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugaragarizwa imikoreshereze y'ingengo y'imali nk'uko byagaragaye hejuru basanze imikoreshereze y'ingengo y'imari ikiri hasi maze mu rwego rwo kwihutisha ikoreshwa ryayo bafata ku bwumvikane busesuye imyanzuro ikurikira:

-Ni ngombwa kwihutisha itangwa ry'amasoko hakurikizwa uko ingenga bihe yo kuyatanga yateganijwe.

-Ibikorwa byateganijwe bigomba gutangirira igihe kandi hakubahirizwa ingenga bihe y'ishyirwa mu bikorwa ry'imirimo yateganijwe.

-Ibikorwa byatangiye bigomba kwihuta kandi ba rwiyemeza mirimo babikoze bakishyurirwa igihe.

-Igihe cyose amafaranga agomba gukoreshwa mu byo yateganyirijwe gusa kandi hakaboneka n'impapuro zerekana uko yakoreshejwe.

## IV. KUNGURANA IBITEKEREZO KURI RAPORO YA AUDIT COMMITTEE YO KU WA 24/08/2013.

Umuyobozi wa "Audit Committee" y'Akarere yagejeje ku bagize Inama Njyanama raporo yo ku wa 24/08/2013 yakozwe ku ngingo ebyiri zikurikira:

- Gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'inama z'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta mu mwaka wa 2011-2012.
- Gusuzuma raporo y'Ubugenzuzi buhoraho (Internal Audit) bw'Akarere.

Ku ngingo ya mbere igaragaza uburyo inama zatanzwe n'umugenzuzi mukuru w'imari ya Leta ku mwaka wa 2011-2012 zashyizwe mu bikorwa; byagaragaye ko ku nama 29 zatanzwe; 1nama 14 (bihwanye na 48.2%) zashyizwe mu bikorwa neza, naho inama 8 bihwanye na 27.6% zishyirwa mu bikorwa igice, naho inama 7 (bihwanye na 24.2%) ntizashobora gushyirwa mu bikorwa.

Ku ngingo ya kabiri yo gusuzuma raporo y'ubugenzuzi buhoraho bw' Akarere (internal audit) yakozwe ku igihembwe cya III umwaka wa 2012; raporo yagaragaje ko hagenzuwe ibigo bikurikira:

- Ikigo cy'Amashuri yisumbuye cya TTC Mbuga
- Ikigo cy'Amashuri abanza cya Gifurwe,
- Ikigo nderabuzima cya Mbuga,
- Mutuelle de sante ya Mbuga,
- Umurenge wa Gatare,
- Farumasi y'Akarere,
- Umurenge wa Mushubi.

Mu buryo bugari, mu bigo byagenzuwe hagaragaye ibibazo biri mu byiciro bikurikira:

- Ibibazo mu micungire ya stock,

- Ibibazo muri bank reconciliation,
- Ibibazo mu micungire ya petty cash,
- Ibibazo mu mitangire y'amasoko,
- Amadosiye y'abakozi atuzuye,
- Urutonde rw'umutungo rutari ku gihe,
- Amafaranga yishyuwe adafite impapuro za ngombwa

Abagize Inama Njyanama bamaze kungurana ibitekerezo kubirebana n'ingingo ebyiri zavuzwe haruguru bemeje ku bwumvikane busesuye ibi bikurikira:

- Ni ngombwa gukomeza gushyira mu bikorwa inama zatanzwe n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta ndetse nizatanzwe n'ubugenzuzi buhoraho bw'Akarere,
- Buri kigo kigomba guhora kigenzura mbere y'uko kigenzurwa n'urundi rwego rubifitiye ububasha.
- Hagomba kongerwa imbaraga mu guhugura abagize Komite za PFM (Public Financial Management Committee) ku rwego rw'Imirenge
- Kwihutisha ishyirwaho rya software" ya "Easy-Use" izajya ikoreshwa n'abacungamutungo b'Imirenge (Comptables) ku buryo iyi "software" izafasha mu gukosora amakosa yagiye agaragara.
- Abagize uruhare mu makosa yagaragaye bagomba kubibazwa n'inzego zibishinzwe hakurikije uko amategeko abiteganya.
- Mu Nama Njyanama itaha hazasuzumwa raporo ya "Audit committee" y'Akarere igaragaza uko inama zatanzwe zakosowe.

## V. KUNGURANA IBITEKEREZO KU MADOSIYE YA BAMWE MU BAKOZI B'AKARERE KA NYAMAGABE.

Abagize Komite Nyobozi y'Akarere ka Nyamagabe bagaragarije abagize Inama Njyanama dosiye z'abakozi 2 b'Akarere maze basaba ko Inama Njyanama izitangaho ibitekerezo.

- Dosiye ya Bwana NDIZEYE Pie:

Abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe bashingiye ku ibaruwa no 01749/IPEL yo ku wa 22/10/2013 beretswe na Komite Nyobozi aho muri iyo baruwa Komisiyo ishinzwe abakozi ba Leta yandikiye Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamagabe isaba ko inzego zibifitiye ububasha zisezerera nta mpaka nta n'imperekeza Bwana NDIZEYE Pie mu bakozi b'Akarere

kubera ko atacyujuje ibyangombwa byo kwitwa umukozi wa Leta bitewe n'uko yahamwe n'icyaha cya ruswa;

Bashingiye kandi ku Itegeko nº 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage aho rivuga ko Komite Nyobozi ifite inshingano yo gufata ibyemezo bijyanye n'imicungire y'abakozi; bemeje ku bwumvikane busesuye ko Komite Nyobozi y'Akarere izashyira mu bikorwa umwanzuro wa Komisiyo ishinzwe abakozi ba Leta hakurikijwe uko amategeko abiteganya.

- Dosiye ya Bwana HABAYO SINIBAGIWE Juvenal:

  Abagize Inama Njyanama bibukijwe na Komite Nyobozi ko Bwana HABAYO SINIBAGIWE Juvenal yari yaratsinze ikizamini cy'akazi binyuze mu ipiganwa ariko ntashyirwe mu mwanya yatsindiye hubahirijwe ibaruwa N$^0$ 3213/19/23 yo ku wa 18/12/2012 aho Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo yanditse asaba Inzego za Leta guhagarika gukoresha amapiganwa ajyanye no gushyira abakozi mu myanya ku myanya ya "Professional" na "Support Staff".

Komite Nyobozi yakomeje imenyesha Abajyanama ibikubiye mu ibaruwa n$^0$ 1681/19.23 yo ku wa 09/08/2013 Minisitiri w'Abakozi ba Leta yanditse asaba gusubukura gahunda yo gukoresha amapiganwa ajyanye no gushyira abakozi mu myanya; Abajyanama bamaze kungurana ibitekerezo ku bimaze kuvugwa hejuru, basanze nta kikibuza ko Bwana HABAYO SINIBAGIWE Juvenal ashyirwa mu mwanya yari yaratsindiye maze bemeza ku bwumvikane busesuye ko Komite Nyobozi izashingira ku bikubiye mu itegeko no 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage maze Bwana HABAYO SINIBAGIWE Juvenal agashyirwa mu mwanya yatsindiye wa coordinator wa One Stop Center ku rwego rw'Akarere.

## VI. GUSUZUMA RAPORO YA KOMISIYO Y'IMIYOBORERE MYIZA KU BIBAZO BY'ABAKOZI BATATU BANDIKIYE INAMA NJYANAMA BASABA KURENGANURWA KUKO BATISHIMIYE AMANOTA BAHAWE MU ISUZUMABUSHOBOZI RYAKOREWE ABAKOZI B'AKARERE KA NYAMAGABE MU MPERA Z'UMWAKA WA 2012-2013.

Kuri iyi ngingo, umuyobozi wa Komisiyo y'Imiyoborere myiza yamenyesheje abitabiriye inama ko mu gihe Komisiyo ayobora yasuzumaga ibirebana n'iyi ngingo yasanze Komite Nyobozi yararangije gukemura neza ibibazo byarebaga bwana KAYIHURA Faustin na Madamazela KAMPETA Vestine ku buryo ubu abo bakozi nta kibazo bafite. Perezida wa Komisiyo yakomeje ageza ku Bajyanama raporo ku kibazo cya Bwana HAKIZIMANA Jean Damascene wajuririye Inama Njyanama (akiri agronome w'Umurenge wa Mugano) avuga ko atishimiye amanota

yahawe mu isuzumabushobozi ryakorewe abakozi b'Akarere mu mpera z'umwaka wa 2012-2013. Abagize Inama Njyanama bamaze kungurana ibitekerezo kuri raporo ya Komisiyo ku bujurire bwa Bwana HAKIZIMANA Jean Damascene basanze impamvu zashingiweho mu kumuha amanota bamuhaye zifite ishingiro bitewe n'imyitwarire yagaragaje mu kazi kugeza n'aho Ubuyobozi bumukuriye bwamwandikiye amabaruwa atandukanye yo kwisobanura cyane cyane bitewe n' amakosa yo gusiba akazi kenshi nta mpamvu no kudatanga raporo z'amezi amwe n'amwe ku mihigo yakurikiranaga. Mu kwanzura kuri iyi ngingo, Abajyanama bemeje ku bwumvikane busesuye ko ubujurire bwa Bwana HAKIZIMANA Jean Damascene nta shingiro bufite maze ku bwumvikane busesuye banemeza ko Umuyobozi w'Inama Njyanama azandikira Bwana HAKIZIMANA Jean Damascene amumenyesha umwanzuro wafashwe kandi akanamusaba kwikosora.

## VII. KUNGURANA IBITEKEREZO KURI RAPORO YA KOMISIYO Y'UBUTAKA KU BYEREKERANYE N'AMASAMBU Y'ABATURAGE YATEWEHO AMASHYAMBA NA LETA KANDI BAKABA BIFUZA KUYASUBIZWA

Abagize Komite Nyobozi y'Akarere bagejeje ku bagize Inama Njyanama raporo ya komisiyo y'ubutaka ku byerekeranye n'isambu yabaruwe kuri Leta bivugwa ko ari iy'umuryango wa NYIRINKWAYA uhagarariwe na MUKAKARINDA Marie Gorette; iyo sambu ikaba iri mu Murenge wa Kaduha, Akagari ka Kavumu ; none umuryango wa NYIRINKWAYA ukaba usaba kuyisubizwa. Abagize Inama Njyanama bamaze kungurana ibitekerezo kuri iyi ngingo; basanze muri raporo hatagaragara icyo Komisiyo y'ubutaka yashingiyeho ( wenda nk' ubuhamya bw'abazi iyo sambu kuva kera , descente zakozwe n'igihe zakorewe bajya gusuzuma icyo kibazo, ingano y'iyo sambu ... ) kugira ngo yemeze ko umuryango wa NYIRINKWAYA uhabwa iyi sambu. Mu kwanzura kuri iyi ngingo, Abajyanama bemeje ku bwumvikane busesuye ko Komisiyo y'ubutaka izabanza igacukumbura cyane, ikerekana ibimenyetso bifatika maze bikazasuzumwa mu nama ihuza biro y'Inama Njyanama na Komite Nyobozi izaba mu minsi ya vuba.

## VIII. KUNGURANA IBITEKEREZO KU NGAMBA ZO KURWANYA RUSWA MU KARERE KA NYAMAGABE.

Umuyobozi w'Inama Njyanama yamenyesheje abitabiriye inama ko nta byacitse iri mu Karere ku birebana na ruswa; ariko ko ari ngombwa kugira ngo iganirweho mu rwego rwo kuyirwanya no kuyikumira.

Abagize Inama Njyanama bamaze kungurana ibitekerezo ku miterere ya ruswa n'inzira zose yanyuramo, bemeje ku bwumvikane busesuye ingamba zikurikira mu rwego rwo kuyirwanya:

1. Ni ngombwa kuzuza inshingano no gutanga serivisi nziza kuri buri mukozi.
2. Hagomba gushyirwa kuri buri muryango w'ibiro by' abakozi numero y'umurongo wa telefoni utishyurwa utangirwaho amakuru yerekeranye na ruswa. Iyo numreo ni 199 mu

gihe uhamagaye ku Muvunyi, 5387 mu gihe uhamagaye MINALOC na 3201 mu gihe ubimenyesheje ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamagabe.

3. Ni ngombwa kurushaho gusobanurira abaturage imiterere ya ruswa, kubamenyesha ibyuho byose bya ruswa n'ibikorwa byose birimo ruswa kugira ngo bagire uruhare mu kubikumira no kubirwanya;
4. Ni ngombwa gushishikariza abakozi bashinzwe amasoko, ba rwiyemezamirimo n'abandi bose bafite aho bahurira n'amasoko indangagaciro nyarwanda y'ubunyangamugayo, gukurikikiza amategeko n'amabwiriza agenga itangwa ry'amasoko, gukorera mu mucyo no gushyira imbere inyungu rusange aho kwita ku nyungu zabo bwite;
5. Ni ngombwa gukoresha amahugurwa abakozi bose bafite aho bahurira n'amasoko mu Karere bagashishikarizwa kwimika ubunyangamugayo no gukorera mu mucyo.
6. Ni ngombwa gukora igenzura rihoraho mu nzego zose z'ubuyobozi zitanga amasoko, hakibandwa cyane cyane ku hantu hose hagaragajwe ko ruswa ishobora kuhatangirwa;
7. Ni ngombwa guhuriza hamwe imbaraga mu gukumira no kurwanya ruswa mu masoko bahana amakuru haba mbere y'uko ruswa itangwa kugira ngo ikumirwe, cyangwa na nyuma y'uko itangwa kugira ngo ababigizemo uruhare bahanwe;
8. Ni ngombwa gusuzuma no gushyira ahagaragara ibikorwa n'imigenzereze iyo ari yo yose ishobora kubangamira ingamba zishyirwaho zo kurwanya ruswa;
9. Ni ngombwa gushyira imbaraga mu gutoza abana bakiri bato n'urubyiruko umuco w'ubunyangamugayo, nk'uko bikubiye muri Politiki y'Igihugu yo kurwanya ruswa, kugira ngo bakure banga ruswa kandi bayitunga agatoki;
10. Abashinzwe gushyira mu bikorwa ingengo y'imari (Chief budget managers) bakwiye kujya basuzuma neza raporo z'isesengura z'amasoko kugira ngo basinye amasezeranano ashingiye ku bintu bisobanutse, nta cyuho cya ruswa kibishingiyeho. Bagomba kandi kwitwararika gushyira itariki ku masezerano kugira ngo ishyirwa mu bikorwa ryayo ritagorana;
11. Mbere yo kwemeza raporo y'uko imirimo yakozwe bakwiye buri gihe kugera aho imirimo yakorewe kugira ngo rwiyemezamirimo atishyurwa kandi imirimo idakoze neza;
12. Ni ngombwa gukora amahugurwa ahoraho hagamijwe kongerera ubumenyi abakozi bo mu Karere bashinzwe imitangire y'amasoko.

13. Ni ngombwa gukurikiza ibiteganywa n'Itegeko n'amabwiriza agenga amasoko ya Leta kugira ngo hakumirwe igihombo Leta igira mu gihe bitakurikijwe;
14. Ni ngombwa kwirinda gutanga amasoko adateganyijwe ku ngengo y'imari kugira ngo bidakurura ruswa;
15. Ni ngombwa gushyiraho igihe ntarengwa cyo kwishyura inyemezabuguzi zose ziba zatanzwe kugira ngo gutinda kwishyura bitaba intandaro yo gutanga ruswa;
16. Ni ngombwa gushyira imbaraga mu gukurikirana uko imirimo yapiganiwe ikorwa kugira ngo birinde Leta igihombo gituruka ku kutarangiza imirimo cyangwa kuyikora nabi.
17. Ni ngombwa guhugura ba rwiyemezamirimo bagasobanurirwa amategeko n'amabwiriza agenga itangwa ry'amasoko ya leta, ububi bwa ruswa kandi bagakangurirwa kuyitunga agatoki no kwanga kuyitanga;
18. Ni ngombwa kwanga gutanga ruswa no kugaragaza abayisaba cyangwa abashaka kuyitanga bazirikana ko hari ibanga ry'uwatanze amakuru ndetse ko hari n'itegeko rimurengera;
19. Ni ngombwa gukorana n'inzego zikora iperereza kuri ruswa baziha amakuru yose akenewe ndetse n'aho bakeka ruswa hose.

## IX. IBINDI

Inama Njyanama yemeje ku bwumvikane busesuye ikiruhuko cy'umwaka wa 2013 cyasabwe n'Umuyobozi w'Akarere Bwana MUGISHA Philbert kizatangira ku wa 20 Mutarama 2014 kikarangira tariki ya 18 Gashyantare 2014 nk'uko yabisabye mu ibaruwa yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama ku wa 29 Ugushyingo 2013.

Inama Njyanama yemeje kandi ku bwumvikane busesuye ikiruhuko cy'umwaka wa 2013 cyasabwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imari , Ubukungu n'Amajyambere Madamu MUKARWEGO UMUHOZA Immaculee kizatangira ku wa 23 Ukuboza 2013 kikarangira tariki ya 06 Mutarama 2014 nk'uko yabisabye mu ibaruwa yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama ku wa 29 Ugushyingo 2013.

Inama yatangije imirimo yayo saa yine n'iminota mirongo itatu (10h30) iyisoza saa kumi n'imwe n'iminota mirongo ine n'irindwi (17h47).

**Umwanditsi w'inama** **Umuyobozi w'inama**

**AYINKAMIYE Donatille** **ZINARIZIMA Diogène**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe